RWANDA REVENUE AUTHORITY
TAXES FOR GROWTH AND DEVELOPMENT

PUBLIC

Our Ref: 001/RRA/CCS/2026

Date: 29/01/2026

Your Ref: ......................

# ITANGAZO

Ubusabe bwo gukurirwaho amahoro ya Gasutamo ku bikoresho fatizo

Hashingiwe ku ngingo ya 140 y'Itegeko rigenga za gasutamo mu bihugu bigize Umuryango w'Afurika y'iburasirazuba ryo mu 2004 (EAC CMA 2004), no kuba inama y'Abaminisitiri bo muri uwo muryango, binyuze mu igazeti ishobora kugena buri gihe ikurwaho ry'amahoro ya Gasutamo ku bikoresho fatizo (raw materials) bitumijwe mu mahanga bigamije gukoreshwa mu nganda z'imbere mu gihugu,

Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro, Serivisi za Gasutamo, kiramenyesha abanyenganda bose bifuza gusaba gukurirwaho amahoro ya gasutamo mu gihembwe cya kane cy'umwaka w'ingengo y'imari wa 2025/2026, ko igihe cyo kohereza ubusabe ari kuva 01/02/2026 kugeza 28/02/2026. Ubusabe buzoherezwa bunyuze kuri https://drs.eac.int.

Ibisabwa bikurikira bigomba kuba byuzuye kugira ngo usaba yemererwe gukurirwaho amahoro:

1. Kwandikira Komiseri wa za gasutamo ukoresheje Ifishi R1;
2. Gutanga production formula;
3. Kuba afite EBM V2 igezweho;
4. Gutanga icyemezo cy' uko nta mwenda w'umusoro barimo (*Tax Clearance Certificate*);
5. Abasaba kongererwa ibikoreshofatizo bagomba kugaragaza ibikoreshofatizo bisigaye mu bubiko n'ibicuruzwa bitaragurishwa mu gihe cyo gutanga ubusabe;
6. Gutanga icyemezo cyo kwiyandikisha mu bucuruzi cyatanzwe na RDB;
7. Abakora ibicuruzwa bitandukanye bagomba gutanga ubusabe butandukanye kuri buri bwoko bw'ibicuruzwa;
8. Usaba agomba kuba afite imashini zikenewe zamaze gushyirwa mu ruganda ziteguye gukora.

Icyitonderwa:

- ✓ Usaba agomba kuba nta birarane by'imisoro abereyemo Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro, cyangwa ubusabe bwabo butarigeze buteshwa agaciro kubera amakosa;
- ✓ Ubusabe buzoherezwa butashyizweho ibisabwa byose ntibuzahabwa agaciro;
- ✓ Ikibazo cyose kirebana n'ubu busabe kigomba gutangwa mu minsi 15 mbere y'uko iki gihembwe cya gatatu gitangira.

Ku bindi bisobanuro, mwahamagara serivisi za Gasutamo kuri 0788185676.

RWANDA REVENUE AUTHORITY * RRA * CUSTOMS SERVICES DEPARTMENT

Sam Kabera
Commissioner for Customs Services

HERE FOR YOU TO SERVE

Kicukiro: RRA Sonatube Silverback mall , P.O Box 3987 Kigali, Rwanda 3004 www.rra.gov.rw @rrainfo